# *Ahantu Ho Gusengera Imana Yahisemo*

Mureke dukomeze duhagarare akanya gato mu gihe twunamishije imitwe yacu kubw'isengesho. Noneho, imitwe yacu icyunamye, kandi ndizera ko n'imitima yacu yunamye, Ndibaza niba ari bangahe bari hano muri iri joro bifuza kwibukwa mu isengesho, kubw'ikintu kidasanzwe? Mushobora kuzamura ibiganza byanyu, mukavuga muti: "Mana, mpa ibyo nifuza iri joro." Uwiteka abahe umugisha.

2 Data wa twese wo mu Ijuru, mu gihe twicishije bugufi twegereye iyi Ntebe ikomeye y'ubuntu, kubwo kwizera, turenga Imbibi; aho Imana, n'Abamalayika, n'Abakerubi, n'abari mu Ijuru bose bateraniye hamwe. Kuko Yavuze ko nta n'agasatsi gashobora kugwa hasi Data wo mu Ijuru atabizi. Ese yabura ate kumenya ko hano iyo abantu amagana bunamishije imitwe yabo, baba bamuhamagara kubw'ibyifuzo byihariye. Data, reba isi iragukeneye iri joro, kuko turi abantu bagukeneye.

3 Kandi ndasenga, Mana, kubera ko twateraniye hano kugirango tukwereka ukwizera kwacu kubera yuko uri Imana nzima Isubiza amasengesho; twavuye mu isi y'abatarakebwe, mu mitima no mu matwi, tuza kubaho ubuzima butandukanye, kandi tukabaho mu kwatura ukwizera kwacu muri Wowe. Iri joro twazamuye ibiganza bacu, tuvuga tuti: "Turagukeneye." Mana nkunda, subiza ibyifuzo byabo byose.

4 Noneho, Data, turasenga ngo Uze kutugenderera iri joro mw'Ijambo. Tuje hano kugira ngo udukosore, dusobanukirwe, kugira ngo tumenye uko tugomba kwifata muri iki gihe; icyo dutegerejemo, icyo gukora. Kubera ko, tuzi ko Ukuza k'Umwami kwegereje, ukurikije ibimenyetso byose abahanuzi bari barahanuye. Turi hafi, Mwami, ni igihe cyo gutabarwa kw'abana Bawe. Mana, reka twese, buri wese, agereyo, Data. Ntihagire n'umwe ubura. Iyo ni yo ntego yacu yo kuba hano, Mwami. Turagukunda, kandi tugerageza kwitegura iyo saha.

5 Vugana natwe, twongeye gusaba, iri joro. Kandi ukize abarwayi. Abarwayi bose n'ababababaye bari muri iyi nyubako, turagusenze ngo ubakize, Mwami; cyane cyane abo bafite ibyo bakeneye mu buryo bw'umwuka. Turagusaba ngo Ukize roho zose zazimiye. Uzuza Umwuka Wera ku uwizera wese. Kandi uvugururure imbaraga n'Ububasha mu bana Bawe bizera. Twemerere ibyo bintu, Data. Dusabye byinshi, kuko Wavuze ngo dusabe, "saba byinshi, saba ibintu bikomeye, byinshi muri byo,"

kugira ngo ibyishimo byacu byuzure. Tubisabye mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

Mushobora kwicara.

6 Ni amahirwe akomeye uyu mugoroba, kongera kugaruka hano ku ruhimbi, hano muri iri shuri ryisumbuye, kubonana n'aba bantu beza bateranye kubwo kumva Ubutumwa Bwiza. Ndasaba imbabazi z'Imana ngo zimfashe kubabwira Ukuri nk'uko nzi Ukuri. Aracyashobora gufunga umunwa w'umuntu, nk'uko ariwe nyine kandi washoboraga gufunga umunwa w'intare. Kandi niba nagerageza kuvuga ikintu cyose kitari cyo kandi gihabanye n'ubushake Bwayo, Isengesho ryanjye ry'ukuri ni uko yafunga umunwa wanjye, kugira ngo ntabivuga. Kuko, mu by'ukuri, ndifuza kuba mu Ijuru, ubwanjye; kandi ntabwo ndagerayo, kandi, uretse ibyo byose, naba ndi umuyobozi w'ibinyoma, umuntu wakoze ikintu cy'amafuti. Iyo mbikoze, ni uko nta kidasanzwe mba mbiziho. Uwiteka abahe umugisha.

7 Noneho, ejo mu gitondo, niba ari ubushake bw'Imana, ngamije kuvuga kuri iyo ngingo, *Ugushyingiranwa n'Ubutane*. Kandi twizeye ko muzaza, muzanye amakaramu yanyu n'impapuro. Ntituzatinda cyane, ariko ndashaka gusa. . . Iyo ni yo ntego yanjye yo kugaruka hano, mbere na mbere, muri Indiana, kuko nabibasezeranyije. Kandi nzagerageza, ejo mu gitondo. Nintabigeraho ejo mu gitondo, nzabikora ejo nijoro. Ariko ngiye kugerageza ejo mu gitondo, niba Uwiteka abishatse, kuvuga kuri iyo ngingo, amatsinda abiri y'ibitekerezo. Kandi Imana idufashe kumenya Ukuri icyo ari cyo, kugira ngo tumenye Ukuri icyo ari cyo, bityo tubashe kugendera mu Kuri no mu Rumuri. Twebwe. . .

8 Murabizi, nigeze kugira inshuti y'umusaza w'umwirabura. Yarambwiye, yaravuze ati: "Mwene Data Billy," aravuga uti: "Njyewe—njyewe nta bibazo nshaka kugirira ku ruzi." Yaravuze ati: "Mba nshaka kuba mfite itike yanjye mu ntoki. Kandi iyo ifirimbi ivuze, nta bibazo mba nshaka kugirira ahongaho. Nasabye Uwiteka, hashize igihe kirekire, ngo niba hari ikibazo, areke ngikemure nonaha," yaravuze ati: "kuko hazaba hariho umwijima n'inkubi y'umuyaga muri icyo gitondo ubwo ubwato buzaba bwambutse bugiye hakurya." Yaravuze ati: "Sinshaka ko habaho uwo nabangamira. Ndashaka kubikemura byose nonaha." Ni cyo gitumye turi hano, turagerageza gukemura ibibazo byose bishobora kutubangamira, kugira ngo tubashe kwinjira muri icyo gihe.

9 Noneho, ntabwo nshaka kuvuga igihe kirekire, iri joro, kuko ejo twagize amateraniri abiri. Hanyuma ngahita ngenda, nkajya ahandi hantu, mu yandi, ayandi materaniro.

10 Ariko, ubu, mu Gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri. Ndashaka gusoma mu gice cya 16, imirongo itatu ya mbere, yo mu Gutegeka kwa Kabili 16: 1 kugeza kuwa 3.

*Ujye uziririza ukwezi Abibu, uziririze Pasika*... *y'*UWITEKA *Imana yawe:*...*kuko mu kwezi* (kwa kane) *Abibu arimo* UWITEKA *Imana yawe yagukuriye mu—mu Egiputa nijoro.*

*ujye utambira* UWITEKA *Imana yawe ibya Pasika byo mu mikumbi no mu mashyo, utambire ahantu* UWITEKA *azatoraniriza kuhashyira izina rye ngo rihabe.*

11 Noneho, Umutwe w'ikibwiriza cyanjye muri iri joro ni iyi: *Ahantu ho gusengera Imana yahisemo.*

Niba mubibona, ukwezi A-b-a-d...-b ni ibyo, bisobanura, "Mata." Ukwezi kwa Mata ni bwo basohowe.

Noneho ikintu kidasanzwe ni uko twebwe muri iri joro, nk'abasenga Imana, muri iki gihe turimo, dusangamo ibitekerezo byinshi bitandukanye by'abantu. Kandi igihe cyose hari ibitekerezo bitandukanye ku kintu, haba hari n'ibibazo bitandukanye; hagomba kubaho rero igisubizo kimwe cy'ukuri kuri buri kibazo cyose kibazwa.

Niba nabaza ikibazo nti: "*Iki* ni igiki?"

"Ni byo," bari kuvuga bati: ni "ameza."

"Amara iki?" Murareba?

12 Noneho, hari umuntu ushobora kuvuga ati: "Ntabwo ari ameza. Ni ikibaho." Ni byo, ikibaho, ariko ni ameza. Murabona, hagomba kuba hari igisubizo cy'ukuri kuri ibyo.

Kandi niba nabaza ikibazo ku kintu icyo ari cyo cyose, hagomba kubaho igisubizo cy'ukuri. Hashobora kubaho ikintu gisa nacyo; ariko hagomba kubaho igisubizo cy'ukuri kandi kitaziguye kuri buri kibazo. Rero, ubwo rero, buri kibazo cyose kivuka mu buzima bwacu, kigomba kubonerwa igisubizo cy'ukuri kandi gikwiye.

13 Kandi na none, uyu munsi, twumvise—twabyumvise bivugwa, benshi mu bantu bacu b'isi muri iki gihe...

Nk'umumisiyoneri, nakoze ingendo nyinshi hakurya y'inyanja no mu isi yose, Nagiye mvugana n'amadini menshi atandukanye, nka Buda, na Abamohamadi, n'Abasikh, n'Abajaini, n'abandi bose, mu madini yo ku isi. Hanyuma ngera hano muri Leta Zunze Ubumwe zacu; no mu bindi bihugu by'amahanga, mpura n'amatorero yacu yose atandukanye, nk'amatorero yacu y'amadini, guhera ku Banyagatolika ba mbere, kugeza no ku Bagereki, n'ayandi, hamwe—hamwe n'abanyamihango itandukanye, hanyuma bikagera mu... ibihe byose by'amadini, magana cyenda n'andi atandukanye y'Abaporotesitanti.

None, buri wese muri bo, birumvikana, yashoboraga kubona igitekerezo cyabo, kandi sinshobora kubashinja. Buri wese avuga ko ari we uri mu kuri, ufite ukuri. Kandi abo bantu

bari muri ayo matorero babona ko bakwiye kwizera gutya, kuko batakaje i—intumbero yabo, intumbero y'Iteka ryose, ku nyigisho z'iryo torero. Kandi baratandukanye cyane, umwe ku wundi, kugeza ubwo bibaza ibibazo birenga magana cyenda bitandukanye.

Kubera iyo mpamvu, kubera ko hari ibibazo magana cyenda na kimwe bitandukanye, hagomba kubaho Igisubizo kimwe cy'ukuri. Kandi ndifuza ko uyu mugoroba, kubera ko turimo kugerageza kujya mu Ijuru, no guhura n'Umwami wacu Yesu twese dukunda, ndifuza gushakisha mu Byanditswe Byera kugira ngo mbibone.

14 Noneho, niba ari ikibazo gishingiye kuri Bibiliya, icyo kibazo cyakagombye kuba gifite igisubizo gishingiye kuri Bibiliya. Ntibikwiye ko byaturuka mu itsinda ry'abantu, mu bumwe runaka, cyangwa ku mwarimu runaka, cyangwa ku idini runaka. Bigomba guturuka mu Byanditswe Byera, aho Imana iteranira, aho gusenga kuri. Kandi rwose, kubera ko Imana iriho, hari ahantu runaka, Ibonanira.

15 Noneho, dusanze ko hano mu Gutegeka kwa kabiri, mu ntangiriro, Mose asubira mu Byanditswe, ibyo yari yarababwiye, uburyo yabakuye muri Egiputa, akoresheje ukuboko gukomeye, gufite imbaraga, kandi yari yarabanje kubategura.

Biswe "abantu b'Imana" kugeza basohotse muri Egiputa, hanyuma bitwa "itorero ry'Imana." Kuko, itorero ni iteraniro, cyangwa, mu by'ukuri, *itorero* bisobanura "abahamagawe," abo bahamagariwe gusohoka. Basohotse muri Egiputa, kugira ngo babe itorero.

16 Noneho Imana yarababwiye, igihe . . . mbere y'uko batangiza urusengero n'icyo bakora cyose, "Nzahitamo aho bansengera, kandi nzashyiramo Izina Ryanjye." Kandi aho ni ho honyine Imana yahuriraga n'umuntu uwo ari we wese, hari ku bw'amahitamo Yayo. Yahisemo ahantu Hayo, kandi ahantu Hayo Ihisemo, Ihashyira Izina Ryayo, umurongo wa 2 hano utubwira ko; Yashyiraga Izina Ryayo ahantu yatoranyije kugira ngo abantu bayihasengere. Noneho, ikintu kiriho ni iki, turashaka kubona aho hantu.

17 Dufite ibitekerezo birenga magana cyenda bitandukanye, kubera ko turimo kurenga ku madini yose y'abapagani, kandi turimo kuvuga gusa ku idini rya Gikristo. Ibyo, numva ntabiyumvamo cyane, cyangwa se mu by'ukuri ntabwo nagombaga kujyayo ngo mbaganiririze. Ariko, baribeshya. Ubukristo ni bwo dini ryonyine ry'ukuri, ni Ubukristo. Kandi ntabwo mbivuze mu by'ukuri kuko ndi Umukristo; ni uko, nizera ko ari Ukuri. Ni ryo dini ryonyine rikwiye.

18 Nagiye ku mva aho ifarashi y'umweru ihindurwa buri masaha ane. Aho, Mohammad, umutambyi ukomeye n'u—n'umuyobozi nyuma ho gato ya Kristo, yagombaga kuba ari

umuhanuzi, kandi, sinshidikanya ku cyo yari cyo, nyuma gato y'abavandimwe ba Makabe. Ariko igihe ba . . . Yarapfuye. Yavuze ko azazuka kandi akanesha isi yose. Ubu, hafi buri masaha ane bahindura abarinzi, maze bakagumisha ifarashi yera ku mva ye. Bamaze imyaka ibihumbi bibiri bategereje ko azazuka kandi akanesha isi. Ariko murabona . . .

19 Kandi ujya kuri Buda; Buda yabayeho imyaka amagana menshi, nk'imyaka ibihumbi bibiri na magana atatu ishize, imana y'u—y'Ubuyapani. Bityo rero yari umuhanga mu bya filozofiya, umuntu nka Confucius, n'abandi.

Ariko aba bose, ku . . . abarishinze, n'abandi, bose bapfuye bafite filozofiya yabo, kandi baranashyinguwe mu mva.

Ariko Ubukristo, bwashinzwe na Yesu Kristo, hari imva irimo ubusa. Ni we Muntu wenyine wigeze guhagarara ku isi, akabaho maze akavuga ati: "Mfite imbaraga zo gushyira ubuzima Bwanjye hasi kandi nkongera nkabubyutsa." Kandi Yarabikoze. None Aracyariho uyu munsi.

Kandi tuzi ko Ariho, kuko Ari kumwe natwe kandi akigaragaza akoresheje ibimenyetso n'ibitangaza bifatika, ibyo yasezeranije ko Azabikora akabigaragaza. Ku buryo, nk'Inkingi y'Umuriro yayoboye abana ba Isirayeli mu butayu, Iri kumwe natwe uyu munsi, ndetse no kugira ifoto Yayo yafashwe; byerekana ibimenyetso n'ibitangaza Yasezeranije ko Azakora muri iki gihe, tubona Amagambo yose yasezeranyije agaragara uyu munsi. Bityo rero, ibindi bihugu by'abahakanyi biri hanze. Ni Ubukristo!

20 Noneho, kubera ko hari ibibazo birenga magana cyenda ku bijyanye n'aho Imana ibonanira, "Ibonana n'Abametodiste, cyangwa Ibonana n'Ababatisita, kandi Ikabonana n'*aba*, na *bariya,* n'*abandi.*" Noneho, aho harimo ikibazo, bityo buri wese agomba gushaka agakiza ke afite ubwoba kandi ahinda umushitsi.

Ariko iri joro ndashaka kugerageza gushaka no kwemeza mu Byanditswe Byera, aho hantu nyaho ni ho Imana ibonanira kandi igasengera hamwe n'abantu. Kandi, niba ari uko bimeze, ni ho hantu honyine Izabonanira.

21 Noneho, iyi nyandiko twayikuye mu Gutegeka kwa kabiri. Ni ijambo ry'Ikigiriki rifite ibisobanuro bivanze, cyangwa, risobanura, "amategeko abiri." Ijambo ry'Ikigereki, *Gutegeka kwa kabiri,* risobanura "amategeko abiri atandukanye."

Kandi ni byo koko Imana ifite, amategeko abiri atandukanye. Kandi amwe muri yo ni amategeko y'urupfu, andi ni amategeko y'Ubugingo. Imana ifite amategeko abiri. Kuyikurikira, no kuyikorera no kuyiramya, ni ubuzima; kubyanga ni urupfu. Hari amategeko abiri mu Mana.

22 Noneho, rimwe muri ayo mategeko rya-. . . ryamenyekanishijwe ku isi yose, ku musozi wa Sinayi. Imana yahaye Mose na Isiraheli amategeko. Ntabwo ari uko amategeko yashoboraga kubafasha, ahubwo ni uko amategeko yaberekaga gusa ko ari abanyabyaha. Kugeza icyo gihe, ntibari bazi icyaha icyo ari cyo, kugeza igihe baherewe amategeko. Nta tegeko rishobora kubaho ridafite igihano. Itegeko ntabwo ryaba ari itegeko, nta gihano. Rero, rero, "Kurenga ku mategeko ni icyaha, kandi ibihembo by'icyaha ni urupfu." Bityo rero, kugeza igihe Imana ibashyiriyeho amategeko, nta cyaha cyababarwagaho.

Niba nta tegeko ririho rivuga ko udashobora kwiruka ibirometero birenga makumyabiri ku isaha, ushobora kwiruka ibirometero birenga makumyabiri ku isaha. Ariko iyo hari itegeko rivuga ko udashobora kubikora, icyo gihe hari itegeko n'igihano biri inyuma yaryo.

23 Noneho, urupfu, amategeko y'urupfu, yari amategeko yatangiwe ku musozi wa Sinayi, umuntu yavuze ko yari umunyabyaha. Maze, arenze ku mategeko y'Imana, arapfa. Ariko nta gakiza kari mu mategeko. U. . .umupolisi wenyine ni we washoboraga kugushyira muri gereza gusa; nta kintu cyari gifite kugusohoramo.

Ariko hanyuma atanga irindi tegeko, ryari ku musozi wa Kaluvari, aho icyaha cyabariwe muri Yesu Kristo, kandi ni ho igihano cyishyuriwe. Kandi atari hamwe. . .Ntabwo ari kubw'amategeko, "ahubwo ni kubw'ubuntu mwakijijwe," kubw'ubuntu bw'Imana, mu buryo bwatoranijwe mbere bw'Imana.

24 Noneho tubona aya mategeko abiri, Gutegeka kwa Kabiri, havuga ku mategeko abiri. Hari amategeko abiri. Rimwe ryari itegeko ry'urupfu, irindi rikaba ryari itegeko ry'Ubugingo.

25 Hariho kandi amasezerano abiri yahawe abantu. Tugiye kuyavugaho muri iki gitondo.

Rimwe muri yo ryahawe Adamu hashingiwe ku ngingo igira iti: "nukora *ibi* ntukore *ibi,*" ariko iryo tegeko ryarenzweho. Adamu na Eva bararyangije, mu busitani bwa Edeni.

Hanyuma Imana ishyiraho isezerano rya kabiri, iriha Aburahamu, kandi iryo tegeko ntaho ryari rihuriye n'ibyo yasabwaga. "Ntabwo ari ibyo wakoze cyangwa ibyo uzakora;" Aravuga ati: "Namaze kubikora." Ubwo ni ubuntu. Iryo ni itegeko ry'Ubugingo. Imana yabikoreye Aburahamu n'urubyaro rwe rwamukurikiye, ni ukuvuga urubyaro rwa Aburahamu rwose.

Nk'uko Bibiliya yabivuze iti: "Isirayeli yose izakizwa," ariko ibyo ntibisobanura Abayahudi. Nk'uko Pawulo yabivuze, "Abisirayeli b'imbere mu gihugu, cyangwa Abisirayeli bo hanze." "Inyuma," nk'uko twabivuze mu ijoro ryakeye, bari abana ba Isaka, binyuze mu mibonano mpuzabitsina. Ariko

amategeko y'Imana yanyuze muri Kristo, rwari urubyaro rw'Umwami rwa Aburahamu, ko, "Abisirayeli bose bakizwa n'ubuntu bw'Imana." Ni ibyo, "Abari muri Kristo bose barakijijwe," bose, amasezerano y'Imana ya kabiri. Ariko ibyo bintu byose byashushanyaga Kristo.

26 Noneho nimurebe umurongo wa 2. Umurongo wa 2 hano mu Gutegeka kwa kabiri 16, "Gusengera ahantu nahisemo." Noneho mugomba gusenga Imana, Yaravuze iti: "Aho nahisemo ni ho mugomba kunsengera," atari icyo undi muntu yahisemo, ahubwo ni "icyo nahisemo."

Noneho, niba Imana yarahisemo ahantu, ni ngombwa ko tumenya icyo yahavuzeho. Mbese ni hehe? Ndashaka kuhabona, kuko, mu by'ukuri, ndashaka kuyiramya.

Twese turi hano, iri joro, kugirango tumuramye. Turi hano iri joro, nk'aba Metodiste, Abatisita, Abanyagatolika, Abayehova, Ubumenyi bwa Gikristo, n'ibindi byose, ariko twese hari icyo dushaka.

Turashaka kumenya Ukuri. Bibiliya yaravuze iti: "Muzamenya Ukuri, kandi Ukuri ni ko kuzababatura."

Runaka, ntushobora kumenya icyo urimo gukora, ntabwo umenya uburyo bwo kubikora utaramenya uko ubikora; ntabwo umenya icyo gukora utaramenya uko ugikora. Mugomba kumenya ibyo murimo gukora n'uburyo bwo kubikora.

27 Ibi bitwereka ko Imana ifite ahantu ho guteraniraniriza abayisenga, ahantu hamwe. Aho hantu, ni ho honyine Imana ibonanira n'abayisenga.

28 Noneho, ahantu yahitiyemo abayisenga, yavuze ko izahashyira Izina Ryayo. Noneho reka dushakishe turebe, binyuze mu Byanditswe Byera, aho aha hantu ari ho. Nta gushidikanya, aho Imana ivuga ko izashyira Izina Ryayo ni ho hantu yahisemo kubonanira n'abantu kandi igasengana na bo. . . cyangwa bakayiramya, ahubwo, ibyo biri muri Bibiliya, kuko byari iby'ibihe byose.

29 Kandi Imana ikomeye idahinduka ntishobora guhinduka. Umuntu arahinduka. Ariko ushobora gushyira ubuzima bwawe ku kintu icyo ari cyo cyose Imana yigeze kuvugaho, kuko icyo kintu ari Ukuri. Ni Ukuri. Kuko, ni cyo kintu cyonyine nshobora kugirira ibyiringiro, ni Bibiliya. Kubera ko, ijambo ry'umuntu rizagaragazwa, ariko Imana iri hejuru ya byose.

Uyu mwaka ngomba kumenya byinshi kuruta ibyo nari nzi umwaka ushize. Namwe mugomba kumenya buri gihe. Turi ku iherezo, bityo twunguka ubumenyi.

Ariko Imana ntigira iherezo. Ntigira iherezo. Kandi, kuba itagira iherezo, Ntishobora gushaka ubumenyi. Iratunganye mbere na mbere. Icyemezo cyose kigomba kuba gikwiye neza.

30 Kandi uko Imana yakoze rimwe, Igomba kubikora gutyo iteka ryose, bitabaye ibyo yaba yarakoze nabi ubwo yakoraga bwa mbere. Niba umuntu yarigeze kuza ku Mana kugira ngo ahabwe agakiza, bitewe n'uko Yamwemeye, bigomba kwemerwa muri ubwo buryo igihe cyose. Ni byo. Niba umuntu yaraje ku Mana kugira ngo akire, Imana ikamwemera ku mpamvu runaka, umuntu ukurikiraho uzaza, Igomba kumwemera mu buryo bumwe, bitabaye ibyo yaba yarakoze nabi ubwo yemeraga umuntu wa mbere. Imana yashyizeho urufatiro rwo guhura n'umuntu. Yashyizeho urufatiro rw'icyo Yagombaga gukora, n'uko yari kubikora, kandi ibyo byaturutse ku maraso y'umwana w'intama yatanzweho igitambo mu busitani bwa Edeni. Imana ntiyigeze na rimwe, nta n'igihe na kimwe, yigeze ibihindura.

31 Yafashe icyemezo cy'uko Izakiza umuntu. Uyu munsi twagerageje kumwigisha ku byerekeye ibyo; twagerageje kubashyira mu mashuri, tugerageza kubigisha, tugerageza kubashyira mu byiciro, tugerageza gukora ibindi bintu byose; bazane, batitize, babatize, mu bundi buryo bwose buhari, bazanishe ibyanditswe. Ariko biracyari uko byari bimeze, Imana ihurira n'umuntu munsi y'Amaraso yamenetse y'Umwana w'Intama. Amaraso yari inzira y'Imana mu ntangiriro, kandi Amaraso ni yo nzira y'Imana muri iri joro. Ni byiza kwihana n'ibindi byose, ariko agakiza kazanwa n'Amaraso gusa. Amaraso ni yo nzira yonyine Imana yahisemo kugira ngo ikize umuntu, kandi Ntishobora guhinduka.

32 Yobu yari afite ikintu kimwe. Yari azi ko ari umukiranutsi, kuko yari yaratambye igitambo Imana yari yaramusabye.

33 Noneho, reka dushakishe ubu kugira ngo turebe aha hantu aho ho, n'aho yashyize Izina Ryayo. Tugiye kumenya aho Yashyize Izina Ryayo. Hanyuma, nitumenya Izina ry'Imana n'aho yarishyize, ubwo turaba dufite ahantu ho gusengera nitumara kubibona.

Ibi byose, birumvikana, byari igicucu cy'ibizaba. Amategeko yose yashushanyaga ibizaba.

34 Nk'uko, ukwezi ari igicucu cy'izuba. Gukora mu gihe izuba ritariho, nk'uko Itorero rigomba gukora mu gihe U-m-w-a-n-a w'Imana adahari. Iyo Umwana adahari, urumuri ruto, Itorero, abizera, bakorera Imana kandi bagatanga Umucyo mu gihe Umwana adahari. Ariko iyo izuba rirashe, ntiwongera kubona ukwezi ukundi, kuko kuba kwarenze. Ntabwo riba rikeneye urumuri rwako ukundi, kuko ribona urumuri rwako mu buryo bwa kabiri, ruvuye ku zuba. Noneho, nk'umugabo n'umugore, izuba n'ukwezi ni ko bimeze, Itorero na Kristo.

35 Noneho tumenye, ko, ibi bintu ari igicucu cya Kristo. Igitambo cyose, cy'umunsi mukuru, n'ibindi byose mu Isezerano rya Kera, byashushanyaga Kristo; nk'uko igicucu kigaragara hasi. Noneho aha ni ho tugomba gushakira ahantu heza ho

gusengera, ni ukugaruka hano mu Isezerano rya Kera aho ryatangiwe ukareba ibyo bintu ibyo ari byo.

36 Noneho, iyo igicucu kigeze hejuru y'ubutaka, ushobora kumenya niba ari umugabo, umugore, cyangwa inyamaswa, cyangwa ikindi icyo ari cyo cyose, kuko gifite igicucu hasi. Kandi uko icyo gicucu kigenda kigabanuka, igicucu kikaba kibi; kandi ntihashobora kubaho ikibi hatariho icyiza. Bityo rero, iyo ibyiza byegereye ibibi, ibibi bimirwa n'ibyiza. Igicucu n'i— n'icyiza birahura, kandi ni byo bituma biba byiza.

Niba kandi "ibintu byose bya kera," Bibiliya yaravuze iti: "mw'Isezerano rya Kera, byari igicucu cy'ibintu bizaza," noneho rero Kristo yari igicucu cy'ibintu bizaza.

37 Dushobora rero kubona, binyuze mu Isezerano rya Kera rigereranya, aho Yahisemo gushyira Izina Ryayo, no kuri . . . nonaha. Noneho, nk'uko igicucu ari . . . cyambukiranya hasi, navuze ngo, ni ikintu kibi, kikaba ari ikigereranyo, bityo natwe, abasenga, dushobora kubona igicucu cy'Isezerano rya Kera kigenda kigabanuka kikagera ku kintu cyiza cy'Isezerano Rishya.

38 Noneho, iminsi mikuru yose, iminsi mikuru, ihema ryose, ibiti byose, byose byari mu ihema ry'ibonaniro, byose byashushanyaga Kristo. Amaturo yose, amategeko yose, byose byari mu ishusho ya Kristo. Twanyuzemo, rimwe na rimwe, hano ku ihema ry'ibonaniro.

Hanyuma tubona, binyuze muri ibi, ko buri myemerere, itorero, n'idini byose byasigaye inyuma cyane. Nta n'ubwo biri mu isiganwa na gato. Buri muhango, buri torero, buri dini, byose byasigaye inyuma burundu. Nta hantu wabo bafite na hamwe.

39 Nta kintu kirimo kugereranywa mu Isezerano rya Kera, cyangwa ahantu hose muri Bibiliya, y'itorero, ahubwo ni ubumwe bw'agahato bw'umunara w'i Babeli. Icyo ni cyo kintu cyonyine kigaragaza ubumwe. Kuko, byakozwe na Nimurodi, umugabo mubi wagiye uhatira ibihugu bito byose guhurira ahantu hamwe n'uyu munara munini. Birumvikana ko byari ugusenga kw'idini, ariko ntibyigeze bihabwa agaciro mu Ijambo ry'Imana. Aho ni ho ubona kugereranywa kw'imyemerere y'idini, umunara w'i Babeli, mu Isezerano rya Kera. Iryo dini ryari idini rwose, ariko ntabwo ryari idini ry'Ijambo ry'Imana.

40 Imana ntiyahisemo gushyira Izina Ryayo mu idini iryo ari ryo ryose. Mumpe Ibyanditswe kuri ibyo, niba ari byo. Ndabizi ko bavuga ko Yabikoze, ariko ntabyo Yakoze. Ntishobora gushyira Izina Ryayo ahantu henshi, kuko Yavuze ko Yashyize Izina Ryayo mu mwanya umwe. Kandi, muri ako gace kamwe, buri wese mu bagize ishyirahamwe ryacu ashaka kuvuga ko ari muri ako gace, ariko biratandukanye.

Ariko se ni hehe yashyize Izina Ryayo?

41 Noneho, na, We, Izina Ryayo ni irihe, mbere na mbere? Tugomba (kwita Izina) gushaka Izina ry'Imana mbere y'uko tubona iryo ari ryo Irimo kwishyira mu mwanya.

Noneho, twasanze Yari ifite amazina menshi. Yitwaga . . . Yitwaga "Data," ari ryo zina ry'icyubahiro. Kandi yitwaga "Umwana," ari ryo zina ry'icyubahiro. Yitwa "Umwuka Wera," ari ryo nyito. Yari yariswe "Roza ya Sharoni," ari ryo zina ry'icyubahiro. "Umwangange wo mu Gishanga," inyito, "Inyenyeri yo mu Ruturuturu." "Yehova-yire, Yehova-rafa," amazina arindwi atandukanye, avanze, yo gucungura, kandi yose yari amazina y'icyubahiro. Nta n'amwe muri yo yari amazina.

Ariko Ifite Izina.

42 Igihe Yahuraga na Mose, Ntabwo Yari afite Izina, nyamara Abwira Mose ati: "NDI NDIHO." Kandi iyo tubona Yesu kw'isi, avuga mu Baheburayo igice cya 6 . . . Mbasabye imbabazi, Mutagatifu Yohani igice cya 6. Yaravuze ati: "NDI NDIHO."

Baravuga bati: "Kubera iki, Uri Umuntu utarengeje imyaka mirongo itanu, ariko Ukavuga ngo 'Wabonye Aburahamu'?"

43 Aravuga ati: "Mbere y'uko Aburahamu abaho, NDIHO." Kandi "NDIHO" yari Umwe, wari mu gihuru cyaka umuriro, Inkingi y'Umuriro yari mu gihuru cyaka umuriro mu minsi ya Mose, "NDI NDIHO."

44 Noneho ubu turabimenye, Yesu yaravuze ati: "Naje mw'Izina rya Data, ariko ntabwo mwigeze munyakira." Noneho, Izina rya Data rigomba kuba Yesu. Ni byo. Izina rya Data ni Yesu, kuko Yesu yavuze atyo. "Njye mfite Izina rya Data. Naje mw'Izina rya Data, ariko ntabwo mwanyakiriye." Noneho, Izina Ryayo ryari Yesu.

Kandi Gaburiyeli yamwise Yesu, abahanuzi bamwita Yesu, kandi yari Yesu rwose. Mbere yo kuvuka Kwe, n'umuhanuzi Wera witwa *Emanuweli* ari we, "Imana iri kumwe natwe." Hanyuma, "Imana yagaragaye mu mubiri, kugira ngo ikure icyaha mw'isi," kandi, mu gukora ibyo, yabahaye Izina rya Yesu. Rero, Yesu ni Izina.

Kandi Izina ryashyizwe mu Muntu; ntabwo ari itorero, cyangwa idini, ntabwo ari imigenzo, ahubwo ni Umuntu! Yahisemo gushyira Izina Ryayo muri Yesu Kristo. Noneho tubonye ko icyo gihe aba ari we ubera Imana aho kuyisengera, aho muyisengera.

45 Mbere y'uko Avuka, Izina rye yitwaga Yesu. Ryari ingenzi cyane, ryahawe nyina na Malayika Gaburiyeli, ko Izina Rye rizitwa "Yesu, Umwana w'Imana," ari uwo yari We.

46 Ngaho rero. Ni ho honyine. Ni ho honyine Imana yatoranyije ho gusengera. Ahantu h'Imana, yahisemo. Imana yahisemo guhura n'umuntu; ntabwo hari mu itorero, ntabwo ari mu

myizerere, ahubwo ni muri Kristo. Aho ni ho hantu honyine Imana izabonanira n'umuntu, kandi agashobora kuramya Imana, ni muri Kristo. Aho ni ho hantu honyine. Nta kibazo niba uri Umumetodisite, Umubatisita, Umunyagatolika, Umuporotesitanti, icyo ushobora kuba cyo cyose, hariho ahantu hamwe gusa ushobora gusengera Imana neza, ni muri Kristo.

Abaroma 8: 1, yaravuze ati: "Noneho kubw'ibyo nta gucirwaho iteka kw'abari muri Kristo Yesu, batagendera ku by'umubiri, ahubwo kuby'Umwuka." Ubwo ni bwo Butumwa bwiza.

47 Dushobora gutandukanira ku myizerere. Dushobora gutandukanira ku nyigisho zakozwe n'abantu. Ushobora kujya mw'itorero rya Metodiste, ubwo ugomba kuba Umumetodiste; Umubatisita, Umugatolika; Umugatolika, Umugatolika. Ariko iyo umaze kubatizwa muri Kristo, ukaba urugingo rw'umubiri We, nta tandukaniro ribaho. Inkuta zo hagati zigabanyamo ibice zirasenyutse kandi uri uw'umudendezo, kuko uri muri Kristo Yesu. Kandi usenga Imana mu Mwuka no mu Ukuri iyo uri muri Kristo Yesu. Ni gahunda y'Imana kugira ngo muyiramye muri Kristo Yesu.

48 None se, nta torero na rimwe rishobora kuvuga ibi, nta n'umwe ushobora kuvuga ibyo. Ni gute watinyuka kubivuga? Gukora ikintu nk'icyo byaba ari umwuka wa antikristo, ni ukujya kure ya Kristo; Kumwikuraho. Ntushobora kubikora. Muri Kristo ni ho hantu honyine Imana ihurira n'abasenga.

49 Babiravuga, uyu munsi. Hari abantu babimbwiye. Umugabo yarampamagaye vuba aha, i Beaumont, muri Texas. Aravuga ati: "Bwana Branham, niba izina ryawe ritari mu gitabo cy'itorero ryacu, ntirishobora kujya mu Ijuru." Ese mwigeze mutekereza kuri ibyo? Ntimukemere ikintu nk'icyo. Batekereza ko ugomba kuba uwo muri iryo torero runaka bitabaye ibyo ntushobora kujya mu Ijuru. Ibyo ni ukubeshya. Kwizera ibyo, ni antikristo. Ibi ndabivuze: Niba wizera umwuka nk'uwo, warazimiye. Icyo ni ikimenyetso cyiza cy'uko wazimiye, kuko ari ukugabanya ibyo Imana yakoze. Imana ntiyigeze ishyira Izina Ryayo mu itorero iryo ari ryo ryose. Irishyira mu Mwana Wayo, Kristo Yesu, igihe Yo n'Umwana Wayo babaga umwe. Aho ni ho hantu nyaho ho gusengera. Nta rundi rufatiro rwashyizweho, nta rundi rutare.

> Kuri Kristo, Urutare rukomeye, ni ho mpagaze;
> Ahandi hose ni umusenyi utumuka.

Amadini azasenyuka kandi agwe, amahanga azashira, ariko We azahoraho iteka ryose. Nta handi hantu umuntu ashobora kubona, ho gusengera Imana, aho Imana izavugana na we, nta handi hantu keretse muri Kristo Yesu. Ni ho hantu honyine, ahantu hamwe Imana yahisemo gushyira Izina Ryayo, kandi ni ho hantu honyine Ihurira n'umuntu, kugira ngo ayisenge. Warazimiye, kubwo kwizera ikindi kintu icyo ari cyo cyose.

50 Icyitonderwa, iminsi mikuru irindwi yose y'Abayahudi yaberaga ahantu hamwe. Nta munsi mukuru bigeze bakorera *hano* ku bw'Abametodiste, n'undi *hano* ku bw'Ababatisita, umwe yabaga *hariya* ku Baperesibiteriyani, undi ukaba inyuma *hano* ku Banyagatolika, n'undi ukaba ku Baporotesitanti. Ibirori byose birindwi byaberaga ahantu hamwe.

51 Ni urugero rwiza cyane hano. Tumaze kunyura mu bihe birindwi by'Itorero, tugiye kwerekana ko Imana igumana ibihe birindwi byose by'Itorero mu Ijambo Ryayo, kuko buri gihe cy'itorero cyatangaga igice cy'Ijambo, kandi igihe cyose cyatangwaga babonaga umucyo.

Kimwe n'abantu bavumbuye bwa mbere kubatiza mu Izina rya Yesu. Bakoze iki? Babihinduye idini, maze bipfira ahongaho. Ubwo Imana yimukira mu wundi muntu. Ntabwo Izaguma muri imwe muri izo nyigisho n'amahame. Ibyo ntaho bihuriye nabyo. Nta kintu cyagoreka Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana ni iryera, ntirivangiye. Kristo ni ihuriro ryo gusenga Imana. Ni Imana.

52 Ibirori byose birindwi bigomba gukorerwa aha hantu hamwe. Ntabwo washoboraga gukorera ibirori ahandi hantu. Ariko uko ari birindwi, ahantu. . . Imisi mikuru irindwi y'umwaka igomba guhimbarizwa ahantu hamwe. Bityo rero, Ibihe Birindwi by'Itorero byagombaga kuva ahantu hamwe, uwo yari Kristo uvuga mu bihe birindwi by'Itorero. Ni byo rwose. Urugero, rw'ibihe birindwi by'Itorero, ariko babihinduyemo amadini.

53 Noneho reka turebe ikindi kimenyetso mu gihe turi hano, ni ukuvuga ikigereranyo cya Pasika, cyashushanyaga Yesu. Aha tubona igitambo cy'amaraso, binyuze mu rupfu. Igitambo cy'amaraso cyari ahantu hashushanyaga Kristo. Ese idini rishobora kuva amaraso; ese ushobora gutekereza ku itorero riva amaraso, idini se riva amaraso? Oya rwose. Byasabye amaraso, kugira ngo avanwe mu gifite ubuzima. Kandi, ubuzima, hano Yesu aza agaragara nk'umwana w'intama. Umwana w'Intama yari ishusho ya Kristo, kandi yashushanyaga Kristo, kubera ko Yari "umwana w'Intama w'Imana," uwo Yohana yari yerekanye, "ko ari we ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Turabona Yesu aje yigaragaje, mu Kuva igice cya 12.

54 Menya ko ari ho hantu honyine urupfu rutashoboraga kwibasira. Igihe urupfu rwari rugiye kwibasira igihugu, hagombaga kubaho ahantu runaka; bose abari munsi y'iki gihe barapfuye. Ahantu hamwe gusa! Noneho, ntabwo byasobanuraga ko ari inzu imwe; ahubwo hari ahantu hamwe, ni ho umwana w'intama yiciwe. Aho amaraso y'umwana w'intama yari ari, malayika w'urupfu ntiyashoboraga kuhatinyuka, kuko ari ho hantu hamwe Imana yari yarashyize Izina Ryayo. Kandi uriya mwana w'intama wahamagawe inyuma hariya mu

ntangiriro, umwana w'intama. Mumenye ko, hari ahantu hamwe atashoboraga gutinyuka.

55 Kandi ubu ni ko bimeze no muri iki gihe. Hari ahantu hamwe gusa urupfu rwo mu mwuka rudashobora gutinyuka, ni Ijambo. Urupfu ntirushobora gutinyuka Ijambo, kuko ari Ijambo rizima ry'Imana.

Ariko iyo ushyizemo imihango y'idini, Ijambo rihita ryigarukaho Ubwaryo. Rizitandukanya nk'amazi n'amavuta. Ntushobora kuyavangira hamwe. Rero, urabona, iyo imihango yinjiye mu idini, bose bakurikiza imihango; maze Ijambo rikazimira, rikigira ku wundi muntu kandi rikiyongera kurushaho. Rigakaza umurego, uko rigenda riva ku gutsindishirizwa, kwezwa, kubatizwa n'Umwuka Wera, no gukomereza mu Mpeke! Urabona inzira Imana yanyuzemo? Kuzana Izina Ryayo, igihe cyose, neza neza mu buryo bumwe, kuko Ari Ijambo.

Icyitonderwa, ntirishobora gupfa. Ijambo ry'Ubugingo ntirishobora gupfa.

56 Murebe ukuntu byari bitunganye, noneho. Malayika w'urupfu ntiyabujijwe gukubita abantu b'abahanga bakomeye bo muri Egiputa. Ntabwo byari bibujijwe kwibasira ubutaka bwe bwera, inyubako zabwo nini, n'abafarawo babwo. Cyangwa se, abatambyi bo mu gihugu, malayika ntiyabujijwe kubibasira. Yashoboraga kwibasira inyubako iyo ari yo yose, ahantu hose, uwo ari we wese, ariko ntiyashoboraga kwibasira aho umwana w'intama yari ari.

Urupfu ntirushobora gutera aha hantu hategenyijwe h'Imana, kandi aho ni mu Mwana w'Intama.

57 Menya, ndetse. . . ntiyabujijwe no gukubita Isirayeli cyangwa abatambyi bayo b'Abaheburayo, cyangwa, andi madini yabo. Bose bagomba kuba bari ahantu Imana yahisemo, yateganyije, bitabaye ibyo urupfu rugatera.

58 Itorero, iryo urimo ryose, icyo uri cyo cyose, ntacyo bintwaye. Ariko, hari ikintu kimwe ugomba kumenya, ugomba kuba muri Kristo cyangwa warapfuye. Ntushobora kuba hanze Ye. Itorero ryawe rishobora kuba ari ryiza, nk'inyubako; ubusabane bwawe bishobora kuba ari byiza, nk'umuntu. Ariko iyo uhakanye Umubiri, Amaraso, Ijambo rya Yesu Kristo, uba upfuye ako kanya uramutse ubikoze. Ni ahantu hatoranijwe n'Imana. Hariho aho Izina Ryayo riri, neza. Hariho aho Yahisemo gushyira Izina Ryayo; ntabwo ari mu itorero, ahubwo ni mu Mwana, Yesu Kristo.

59 Mumenye ko umutekano wari mu mwanya w'amayitamo Yayo, mu mwana w'intama Wayo, no mu izina ry'umwana w'intama.

60 Mumenye ko, yari "umwana w'intama w'isekurume," isekurume, ntabwo ari inyagazi. Ntabwo ari itorero, inyagazi; ahubwo ni Izina Rye, ntabwo ari izina ry'inyagazi. Aho Yari agiye guhura n'abantu ntihari mu izina ry'inyagazi, ahubwo ni mu Izina Rye, We, Umwana w'Intama!

61 Noneho turavuga tuti: "Itorero, itorero, rikomeye, ryakoze *ibi* kandi rikora na *biriya*. Yapimye imiyaga myinshi. Twamaze kwiyongera mu bantu. Turi abantu bakomeye. Turi itorero rikomeye. Ni ikintu gikomeye."

Ariko Imana ntiyigeze ivuga ikintu kuri uwo mugore. Yaravuze iti: "Umugabo." "Umugabowo," ni ahantu ho guhurira, Umwana w'Intama, ntabwo ari itorero. Ntabwo ari izina ry'umugore, ahubwo ni Izina Ryayo. Ntabwo yigeze agira izina ry'umugore. Yashyize Izina Ryayo muri "We!"

Ni yo mpamvu, "Ibyo tugomba gukora byose, haba mu magambo cyangwa mu bikorwa, tugomba kubikora byose mu Izina rya Yesu Kristo." Iyo dusennga, tugomba gusenga mu Izina rya Yesu. Iyo dusabye ubusabe, tugomba gusaba mu Izina rya Yesu. Iyo tugenda, tugenda mw'Izina rya Yesu. Iyo tuvuga, tuvuga mw'Izina rya Yesu. Iyo dubatiza, tugomba kubatiza mw'Izina rya Yesu Kristo. Kubera ko, "Ibyo dukora byose mu magambo cyangwa mu bikorwa, tubikora mw'Izina rya Yesu Kristo."

62 Umugabo yarambwiye, ati: "Mwene Data Branham, umugore wanjye, ntabwo. . . " Aravuga ati: "Uyu mugore, izina rye ni *iri n'iri*." Ni umupasiteri, ashobora kuba yicaye hano nonaha. Na we ati: "Umugore wanjye," ati: "afite izina ryanjye." Nzavuga gusa *Jones,* kuko atari Jones. Aravuga ati "Noneho, ntabwo agomba kubyuka buri gitondo, ngo afate umweyo avuge ati: 'Noneho ndakubura hasi mu izina rya Jones, kandi ndoza amasahani mu izina rya Jones, kandi ndazinga imyenda mu izina rya Jones.'" Aravuga ati: "Ndatekereza ko nta zina na rimwe ugomba kuvuga."

Ndavuga nti: "Yego." Ni byo.

Na we ati: "Ni byiza, kubera iki? Ntabwo agomba kubivuga. Ibyo akora byose ni mw'izina rya Jones, mbere na mbere."

63 Ndavuga nti: "Ariko ntabwo wigeze umanuka mu muhanda ngo umufate, maze uvuge uti: 'Ngwino, Jones.' Yagombaga kuba, mbere na mbere, binyuze mu muhango, umuhango wo gushyingirwa, 'Jones.' Iyo atabikora, muba mubayeho mu busambanyi. Niba kandi warabatijwe mu bundi buryo butari mw'Izina rya Yesu Kristo, ni umubatizo w'ubusambanyi, ibyo ntaho tubisanga muri Bibiliya."

Noneho, "Ibyo ukora byose mu magambo no mu bikorwa, byose ubikore mu Izina rya Yesu." Nyuma y'ibyo, ibyo wakora byose! Ariko mbere na mbere, bikore mu Izina Rye.

64 Hano rero, hagati yacu hari abagore benshi beza bari muri iyi nyubako muri uyu mugoroba, kandi n'abagore beza pe; ariko hariho umwe gusa ufite izina rya Madamu William Branham. Ni we nyine ujyana nanjye mu rugo. Ni we mugore wanjye gusa.

65 Hari abantu beza ku isi, amatorero meza; ariko hariho Madamu Yesu Kristo, kandi ni we watumye Aza. Aho ni ho Izina Rye riri. Aho ni ho gusenga Kwe kuri, muri We kandi Wenyine. Ni byo. Yego mugenzi. Turabona ko ari ukuri.

66 Noneho, ni yo mpamvu, twebwe, "Ibyo dukora byose mu magambo cyangwa mu bikorwa, tubikora mw'Izina rya Yesu Kristo."

"Nta rindi zina ryatanzwe munsi y'Ijuru ryo gukirizwamo, keretse Izina rya Yesu Kristo." Ibyakozwe n'Intumwa, igice cya 2, haravuga ngo: "Nuko bimenyekane. . . " "Nta rindi zina ryatanzwe munsi y'Ijuru iryo umuntu agomba gukirizwamo, gusa keretse mw'Izina rya Yesu Kristo." Amina. Nizere ko mubibona. Izina rya Yesu Kristo, buri. . .

Ijuru risumba ayandi rifite izina Rye, "Umuryango wose wo mw'Ijuru witwa Yesu," Bibiliya irabivuga, "kandi imiryango yose yo ku isi yitwa Yesu." Iryo ni ryo zina Imana yatoranyije n'aho Yarishyize. Aho ni ho hantu He ho gusengera, ni muri Yesu Kristo. Noneho, tuzi ko ari ko biri, nta handi hantu ho gusengera uretse muri We.

67 "Nta rindi zina munsi y'Ijuru ryahawe abantu, bagomba gukirizwamo." Izina Rye ni Izina ry'Imana ryo gucungurwa. Imana ifite izina rya Yehova-Yire, Yehova-Rafa. *Yehova-Yire,* "Uwiteka ni we ukubabarira ibyaha byawe byose." *Yehova-rafa,* "Uwiteka ni we ugukiza indwara zawe zose." Yari afite amazina menshi. Ariko afite Izina ryo gucungura, ryahawe abantu, iryo ni Izina rya "Yesu." Ni ryo Zina rye, Ni we wahisemo kurishyiraho. Yarishyize he? Yarishyize muri Kristo.

68 Andi mazina yose y'itorero, imihango y'idini, amazina y'icyubahiro, kuyagirira icyizere ni urupfu. Wizera itorero rya Methodiste ko rizakujyana mu Ijuru, warazimiye. Niba wizera Abapentekote, itorero rya Pentekote kugira ngo rikujyane mu Ijuru, warazimiye. Kandi Batisita, Peresibiteriyeni, Luteriyani, Gatolika, n'irindi torero iryo ari ryo ryose; urimo kwizera izina ryabo, cyangwa ibyubahiro byabo, cyangwa ukwemera kwabo, warazimiye.

Kubera ko, ntushobora no gusenga kugeza igihe ugeza mu mwanya wo gusenga. Amina. Aho ni ho honyine Imana ihurira n'abasenga, ni ahantu yahisemo gushyira Izina Ryayo. Abandi bose, urabiringiye, uzapfa. Na we. . .

69 Hari urundi rugero rwa Yesu hano, nanditseho, Ibyanditswe Byera. Nanone, We—Hano Yarigaragaje, "Agomba kuba nta nenge afite." Aho Ishyira Izina Ryayo, uyu mwana w'intama agomba kuba adafite inenge.

None se, ni irihe dini cyangwa gahunda ushobora gushingiraho; ni irihe torero, Gatolika, Porotesitanti, Abayahudi, icyo ari cyo cyose? Ni iyihe gahunda, idini, ushobora gushingiraho, “ridafite inenge”? Yose yarajugunywe, kandi yaranzwe!

Ariko hariho ahantu! Haleluya! Aho hantu ni muri Yesu Kristo. Nta nenge iri kuri We. Nta kosa rimurimo.

Ntushobora kubihakana. Aba bantu bose bagerageza kubikora, bavuga ko itorero ryabo nta kosa rifite n’*ibi* byose. Ni umwanda, abantu bacamo Ijambo, abakunzi, bapfuye igice kimwe, abanya-Lawodikiya, ni imihango, ariko si Ukuri. Ariko na We ubwe, umwanzi We, ati: “Nshobora kubona ikosa muri We.” Umwanzi We Bwite yahamije ko nta kosa riri muri we. Ntushobora kumushyiraho icyaha icyo ari cyo cyose.

70 Abwira abapadiri bo mu gihe Cye ati: “Ni inde ushobora kuncira urubanza? Ni inde ushobora kugaragaza ko ndi umunyabyaha?”

Mumbwire itorero rimwe rishobora kuvuga ko ritigeze rikora ikintu kibi. Mu by’ukuri, nta na rimwe muri yo, biragoye, ariko icyo ni cyo cyishe ibintu byose biri kuri kalendari bigomba gukorwa, bigoranye. Noneho barakiyita. . .Rero si ahantu h’Imana ho guhurira ngo basenge, mu migenzo n’idini iryo ari ryo ryose.

71 Nshuti zanjye, sinshaka gukomeretsa amarangamutima, ariko mfite inshingano z’Ubutumwa, kandi, ubwo Butumwa ni ubu: “Musohoke muri aka kajagari!” None se niba mbasabye gusohoka, ndaberekeza he? Ese ndabajyana mu Rusengero rwa Branham? Ni amakosa nk’andi yose.

Ariko hari ahantu hamwe nshobora kubajyana, aho mutekanye kandi murinzwe urupfu, ni muri Yesu Kristo, ni ahantu ho gusengera Imana. Aho ni ho ndimo kubahamagarira, uyu mugoroba, aho Imana yashyize Izina Ryayo. Aho Yasezeranyije ko Izahurira n’umuntu wese uzaza ahongaho, Igomba gusengana na we kandi Igasangira na we, ni ukuvuga muri Kristo; ntabwo ari mu itorero cyangwa mu rusengero.

Ahubwo, muri Kristo, Ni We Rusengero rw’Imana. Ni We hantu Imana yinjiyemo, Ubwayo, kandi yimenyekanishije muri We. “Uyu ni we Mwana Wanjye nkunda, nkamwishimira.” Aho ni ho Imana yashinze urusengero, yazanye Izina Ryayo irishyira kuri Yesu Kristo. Bityo rero, Izina Ryayo ryashyizwe mu Muntu, Umwana Wayo, Yesu Kristo, aho ituye Ubwayo, muri urwo Rusengero.

Aho, ari urugero rushushanya, Yerusalemu ya kera, iminsi mikuru ya kera, urusengero rwa kera, byari ikigereranyo; igihe umwotsi winjiraga, umunsi isanduku y’isezerano yinjiragamo, nk’uko byari biteganyijwe, maze igaterekwa hasi, nuko ijwi ry’Imana rikumvikana muri yo.

Ni ko n'Ijwi ry'Imana ryumvikanye, rirangururira mu Rusengero, Yesu Kristo; ibyo, ibya kera (bisanzwe) byari ikigereranyo n'igicucu cy'ibishya. Kandi ubwo Yazaga muri Kristo, Yaravuze iti: "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda, nkamwishimira. Kandi nzahitamo aho nzashyira Izina Ryanjye, kandi aho ni ho nzahurira n'abantu, kandi aho ni ho nzasengera." Imana yahisemo ahantu; hatari mw'itorero, ahubwo ni muri Yesu Kristo. Yego, mugenzi.

72 Agomba kandi kuba "atagira inenge," nk'uko nabivuze. Nta dini na rimwe rishobora kubisaba. Barabikora; ni ba antikristo.

73 Noneho turabona ko hano, mwongere murebe igicucu cye. U—umwana w'intama ugomba gushyirwa hejuru. Noneho, ibi biboneka mu Kuva 12, niba murimo kubyandika ahantu, ni mu Kuva 12:3 kugeza 6. Umwana w'intama ugomba kwitabwaho iminsi ine, kugira ngo ugeragezwe, kugira ngo harebwe niba ukwiriye kujya gutambwa. Ugomba kujyanwa, ugasuzumwa kenshi, mu gihe cy'iminsi ine, kugira ngo harebwe niba hari inenge ufite, harebwe niba hari indwara, harebwe niba hari ikibazo kiri ku mwana w'intama. Ugomba gusuzumwa iminsi ine.

74 Noneho murebe. Bamwe muri mwe mushobora kuba mwaratekereje ko, yishwe gato ku itariki ya cumi n'enye. Ariko, muribuka, bafataga umwana w'intama ku munsi wa cumi w'ukwezi, bakawica ku munsi wa cumi na kane w'ukwezi, murabona, byakomeje kuba iminsi ine.

75 Noneho, Yesu, Izina ry'Imana, Umwana w'intama, yagiye i Yerusalemu kandi ntiyigeze yongera gusohoka kugeza nyuma y'urupfu Rwe, guhambwa no kuzuka kwe. Baramugumanye bamunegura iminsi ine n'amajoro ane. Mbega ukuntu uwo Mwana w'intama yari urugero rutunganye neza, bamugumanye iminsi ine. Ni bwo Pilato yavugaga ati: "Nta kosa mbona muri We."

76 Urundi rugero rwe, nta gufwa ryashoboraga kuvunika muri We, ari byo byari bitunganye, igihe batashoboraga. Mu kwica igitambo, ntibashoboraga kuvuna igufwa na rimwe. Iyo biza kubaho, byaranzwe. Kandi bari bamaze kuzamura inyundo kugira ngo bavune amagufwa yo mu maguru ya Kristo, ni bwo bavugaga bati "Yamaze gupfa." Bamucumise icumu mu rubavu basangamo Amaraso n'amazi.

77 Mwongere murebe ikindi kintu gikomeye hano. Sinabica ku ruhande, kuko Yari ahagarariwe mu maturo, ituro ry'ifunguro.

Ndibuka igihe kimwe bari bafite ishuri, muri Bibiliya, ryitwaga ishuri ry'abahanuzi, kandi ryari ishuri risanzwe. Kandi dusanga Eliya yaragiye kuri iryo shuri umunsi umwe, maze baravuga bati: "Twebwe. . . " Bamusabye kugenda, baramubwira bati: "Iyo uri hano, ibintu biragorana cyane." Rero bifuzaga ko agenda.

Barasohoka bajya kumutegurira ifunguro rya nimugoroba. Nuko itsinda ry'abatambyi barasohoka, cyangwa abahanuzi, bajya gushaka amashaza, yo kumutegurira ifunguro rya nimugoroba. Bamaze kubikora, bahishe igipfunyika kinini cyane mu mataburiya yabo; nuko bagarutse, byari ibihumyo byo mu gasozi, byari uburozi, maze babijugunya mu nkono. Nuko inkono itangira kubira, maze, umuntu umwe, aravuga ati: "Ikibabaje, mu nkono harimo urupfu. Ubu nta n'ubwo dushobora no kurya."

Eliya aravuga ati: "Nzanira agafu mu gipfunsi." Afata ka gafu agaterera mu nkono, maze aravuga ati: "Nimurye. Inkono yahumanuwe."

78 Ituro ry'ifunguro ryari Kristo. Buri kamanyu kagombaga gushyirwaho kimwe, kandi buri kamanyu gato k'ifu kagombaga gusebwa kimwe, kugira ngo habeho ituro ry'ifunguro. Yerekana ko Ari Umukiza. Arasimbura, agakuraho urupfu, agashyiraho Ubuzima; binyuze mu mategeko abiri. Haleluya! Aho urupfu ruri, ahantu hamwe; iyo Kristo ahinjiye, Ubuzima burinjira. Uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Kandi aho urupfu rwari ruri, hahindutse Ubuzima, kuko Kristo yahinjijwe, igitambo cy'ifunguro.

79 Mbega amasomo meza ibi bintu byaba ari ko biri turamutse dufashe umwanya wo kubisesengura! Noneho murebe, nta jambo na rimwe ry'urugero rineshwa. Nta jambo na rimwe ryigeze rineshwa, ry'urugero. Byose byashushanyije neza.

Ni ahantu ho gusengera Imana yahisemo, kandi Izina ry'Imana ni We ryahawe. Ni ahantu h'Imana ho gusengera, kandi Izina ry'Imana ni We ryahawe. Ni we Jambo ry'Imana, kandi ni We Zina ry'Imana. Aracyari Ijambo ry'Imana n'Izina ry'Imana. "Yari Ijambo ryahinduwe umubiri." Yari Ijambo ry'Imana, Umwana w'intama w'Imana, Izina ry'Imana, kandi yari Imana. Ni cyo Yari cyo, ahantu honyine ho gusengera Imana hatoranijwe.

80 Kandi Imana yanga ahandi hantu hatari muri Yesu Kristo; ntushobora kuyisengera ahandi hantu. Yaravuze iti: "Bansengera ubusa, bigisha ku bw'Inyigisho z'amategeko y'abantu." Uyu munsi dufite imigenzo, imizirirrizo, n'ibintu byose, twigisha ko *iyi* ari yo nzira ndetse n'*iriya* ari yo nzira.

Yesu ati: "Ndi Inzira, Ukuri, n'Ubugingo, kandi nta muntu n'umwe ushobora kuza ku Mana atanyuzeho kuri Njye." Mu yandi magambo, "Ndi Irembo ry'urwuri rw'intama. Abari hanze bose ni abajura." Ni we nzira wenyine. Ni Irembo. Ni Inzira, Ukuri, Ubugingo, byose biriho; ahantu honyine ho kwinjirira, ahantu honyine ho gusengera, Izina ryonyine.

Ibintu byose bibohewe kuri Yesu Kristo. Isezerano rya Kera ribohewe kuri We. Isezerano Rishya ribohewe kuri We. Kandi Itorero rya none rifitanye isano na We, binyuze mu Ijambo

ry'itegeko Rye. Nta handi hantu, cyangwa irindi Zina, cyangwa ahandi hantu hose, aho Imana yigeze isezeranya guhurira n'umuntu; muri Yesu Kristo gusa, ahantu He hatoranyijwe ho gusengera.

81 Menya ko Imana yasezeranije guhurira n'abayisenga muri aka gace kamwe gusa, kandi ayo ni Yo mahitamo Yayo Bwite; ntabwo ari amahitamo yacu, ntabwo ari ugutekereza kwacu; ahubwo ni ugutekereza Kwayo, amahitamo Yayo. Kandi hazaba ari ahantu Yashyize Izina Ryayo, aho Yahisemo. Rero tumenya ko tubona aho Izina Ryayo riri, icyo Yahisemo, binyuze mu mahitamo Yayo Bwite.

82 Noneho kubw'ibyo twabonye aho Yashyize Izina Ryayo, ni ko bimeze, muri Kristo Yesu, kandi nta handi hantu, cyangwa nta rindi zina, ese mwanyuzwe n'ibyo? Muvuge muti: "Amina." [Itorero riravuga riti, "Amina."—Ubwanditsi.] Noneho, ikibazo ni uko, niba tubonye aho hantu . . . Nta handi hantu ho gusengera hemewe, ni muri Kristo gusa.

Ushobora kwihana, ushobora kubikora, ariko ntabwo urasenga. Urimo gusaba imbabazi. Petero yaravuze . . .

Ku Munsi wa Pentekote, ubwo bababonaga bavuga mu ndimi, n'ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza birimo kuba, Batangiye guseka, itorero riraseka, maze riravuga riti: "Aba bantu buzuye divayi nshya. Bitwara nk'abasinzi. Ba . . ." Umwari Mariya, bose bari kumwe, bari ijana na makumyabiri. Kandi bari bameze nk'abasinzi, bavuga indimi, kandi bakomeza gusakuza. Baravuze bati: "Aba bagabo bahaze vino nshya."

83 Ariko Petero, arahaguruka, aravuga ati: "Bagabo bene Data, aba bantu ntabwo bahaze vino nshya, kuko ni isaha ya gatatu y'umunsi. Ariko ibi ni byo byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ngo, 'Kandi bizabaho mu minsi ya nyuma, ni ko Imana yavuze, Nzasuka Umwuka Wanjye ku bantu bose; abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura; kandi n'abaja Banjye n'abajakazi Banjye nzabasukaho Umwuka Wanjye. Nzerekana ibimenyetso mu ijuru no ku isi; umuriro, inkingi z'umuriro, n'umwotsi ucucumuka. Bizabaho, mbere y'uko umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Uwiteka ugera, abo bose bazahamagarwa mw'Izina ry'Uwiteka bazakizwa.'"

84 Babyumvise, bacumitwa mu mitima, maze barababaza bati: "Bagabo bene Data, mbese tugire dute?"

85 Petero ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, abatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu, kandi mubone guhabwa impano y'Umwuka Wera. Kuko isezerano ari uko riri no ku bisekuruza byose bizaza." Noneho turabibona.

86 Noneho turashaka kumenya uko twinjira *muri* We. Ni gute twinjira muri iki kibanza cyo gusengeramo? 1 Abakorinto 12 harabyerekana, kuko, "Ku bw'Umwuka umwe!" Ntabwo

ari itorero rimwe, ntabwo ari ukwemera kumwe, ntabwo ari umupasiteri umwe, ntabwo ari musenyeri umwe, ntabwo ari umupadiri umwe. Ariko ni: "Kubw'Umwuka Wera umwe twese twabatijwe mu Mubiri umwe," ari wo Mubiri wa Yesu Kristo, kandi ugakurikiza impano yose iri muri uwo Mubiri. Yego, mugenzi! Nta kwifatanya, nta gutondagura amahame, nta kwitera hejuru, nta gucika intege, nta gufatana mu biganza, cyangwa ikindi kintu cyose. Ariko, kubwo Kuvuka twabatijwe mu Mubiri wa Yesu Kristo! Amina. "Kubw'Umwuka Wera umwe twese twabatijwe mu Mubiri umwe."

87 None se Umubiri ni iki? "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo yambaye umubiri atura muri twe." Ni gute twakwibera muri uwo Mubiri tugahakana Ijambo rimwe Ryawo, cyangwa tukarishyira ahandi hantu hatari no mu Mubiri? Ni gute dushobora kubikora? Ahantu Imana yahisemo!

88 Menya neza ko iyo ubatijwe muri We by'ukuri, ikimenyetso cy'ukuri ni uko umwizera, Jambo.

Ni gute waba umwe na We hanyuma ukamwihakana? Ni gute nakwihakana ikiganza cyanjye ko ari icyanjye? Niba hari . . . Ndamutse mbikoze, naba mfite ikibazo mu mutwe wanjye. None se nabikora nte? Niba hari ikibazo mu mutwe wanjye, ngahakana ko iki ari ikiganza cyanjye, ngahakana ko iki ari ikirenge cyanjye, haba hari ikintu kibi cy'umwuka gitera abizera guhakana Ijambo iryo ari ryo ryose Imana yavuze kandi yasezeranije. Hari ikintu kitagenda neza mu buryo bw'umwuka kuri uwo muntu witwa ko ari umwizera.

89 Ntushobora guhakana inyuguti imwe Ye, kuko wahindutse igice cyayo. Muri urugingo Rwe kuko mwabatijwe muri We; kubera ko, Umwuka Wera wabazanye mu Mubiri wa Yesu Kristo. Mbega ikintu cyiza!

90 Imana yari ifite ahantu runaka yahuriraga—yahuriye na Aburahamu, kandi ni ho Aburahamu yasengeraga. Byose binyuze mw'Isezerano!

Kandi Ijambo Rye ryasezeranijwe rizasobanurirwa muri wowe, binyuze muri We. Ese mwabyumvise? Ijambo Yasezeranyije kuzasohoza mu gihe murimo kubaho ubu: muzaba inzandiko z'Imana, zisomwa n'abantu bose. Ntabwo ari ibyo muvuga, ahubwo ni ibyo Imana ikora binyuze muri mwe, bizavuga cyane kurusha ibyo mwavuga byose. Imana yaravuze iti: "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera." Ibivuga binyuze muri mwebwe.

91 Yaravuze muri iki gisekuruza, ibyari kuba muri iki gihe. Abizera b'iki gisekuruza bagomba kwizera Ibi, ibyo Yasezeranije muri iki gihe. Kimwe n'uko bagombaga kwinjira mu nkuge, kugira ngo bakizwe; bave muri Egiputa kugira ngo bakizwe; bagomba kuza muri Kristo, kugira ngo bakizwe noneho, mu

Butumwa bw'Ijambo, ko uko yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose.

92 Ubyinjiramo ute? Ku mubatizo! Umubatizo w'iki, w'amazi? Ku bw'Umwuka Wera! "Umwuka umwe, twese twabatijwe muri uyu Mubiri umwe."

93 Kandi Ijambo Rye ryasezeranijwe, ntabwo Aza . . . Mugomba kubisobanura. Azabisobanura binyuze kuri wowe; icyo ukora, icyo yasezeranyije gukora. Itorero rizamukurikira rizamera nka We kugeza igihe abantu bazabimenyera.

Nimwitegereze Petero na Yohana igihe babazwaga ku bijyanye no gukiza umugabo wari ku irembo ryitwaga Ryiza. Baravuze bati: "Barabibonye," abo batambyi barabibonye, "ko bose bari abantu b'injiji kandi batize," ariko bitegereje basanga bari kumwe na Yesu. Kubera ko, (iki?) bakoraga ibintu Yakoze.

94 Agomba kuba ari ku murimo wa Data. Kandi uyu munsi bigomba kumera kimwe.

95 Noneho, mwibuke ko, Uko yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko ari, kandi ko ari ko azahora iteka ryose; kuko Imana igusanga muri We, ni ho hantu honyine hahari; kuko ari ho yahisemo gushyira Izina Ryayo, muri Yesu. "Yesu" ni Izina ry'Imana. Mwibuke, Data, Umwana, n'Umwuka Wera, ni amazina y'icyubahiro ku Izina rya "Yesu Kristo."

96 Ubwo Matayo yavugaga ati: "Nuko mugende mwigishe amahanga yose, mubabatize mw'Izina rya Data wa twese, iry'Umwana, n'iry'Umwuka Wera."

Mbega uburyo bisobanurwa nabi uyu munsi, maze mukavuga muti: "Mw'izina rya Data, izina ry'Umwana, izina ry'Umwuka Wera." Nta n'ubwo byanditswe. Ni, "Mw'Izina," mu bucye, "rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera." *Data* ntabwo ari izina, *Umwana* ntabwo ari izina, *Umwuka Wera* ntabwo ari izina; ni icyubahiro.

Nyuma y'iminsi icumi, Petero arahaguruka aravuga ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, abatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo." Hanyuma se yakoze ibyo atamubwiye gukora? Yakoze ibyo yamubwiye gukora. Izina rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera ni "Umwami Yesu Kristo." Umuntu wese mu Isezerano Rishya yabatijwe mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo.

97 Nta muntu n'umwe muri Bibiliya wigeze abatizwa mu mazina ya Data, Umwana, n'Umwuka Wera. Ibyo ntibyigeze bibaho kugeza igihe ukwemera kw'i Nikeya kwashyiriweho i Nikeya, Roma. Byari gahunda ya Kiliziya Gatolika, yabonetse, ishyigikira ikintu kimwe, muri gatigisimu. Ndabizi, ni byo koko, *Ibintu Bijyanye n'Ukwemera Kwacu*, n'ibindi, ko rwose ari ukwemera kwa Gatolika y'i Roma. Bazababwira ko bitari muri Bibiliya; ariko bavuga ko bafite ububasha bwo

guhindura Amagambo yabo, niba babishaka, kubera papa. Ntitubyemeranyaho.

Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. "Kandi umuntu wese uzakura Ijambo na rimwe muri iyi Bibiliya," Ni ko Yesu yavuze, "cyangwa akongeraho ijambo na rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Ijambo rimwe; si interuro, cyangwa igika cyose, ahubwo ni Ijambo! "Umuntu wese uzakuramo Ijambo rimwe . . ."

98 Mu ntangiriro, Imana yakomeje abantu Bayo ikoresheje Ijambo Ryayo. Ijambo rimwe, risobanuwe nabi, ryateje urupfu rwose, buri kubabara umutima kose, buri gahinda kose. Eva, ntiyigeze acamo interuro; yashenye Ijambo. Igihe Yesu aza hagati mu Gitabo . . . Cyari igice cya mbere cy'Igitabo.

Igihe Yesu yazaga hagati mu Gitabo,Yavuze iki? "Handitswe ngo umuntu ntazabeshwaho n'umugati gusa, ahubwo azabeshwaho n'Ijambo ryose risohotse mu kanwa k'Imana."

Mu mpera z'Igitabo, Ibyahishuwe igice cya 22, umurongo wa 18, igice cya nyuma cya Bibiliya, Yesu yivugisha ati: "Nihagira umuntu wese uzakura Ijambo na rimwe mu Gitabo, cyangwa akongeramo ijambo na rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo," kuko ari umuhanuzi w'ibinyoma kandi yasobanuriye abantu nabi, kandi amaraso yabo azabazwa ibiganza bye, ibyo akoresha.

99 Tugomba kugumana ahantu hamwe ho gusengera, ni ko bimeze, Yesu Kristo Jambo, uko yari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Amina. Ni byo. Mwibuke, nta handi hantu ho guhurira ngo dusenge, ntaho. Imana yahahisemo.

100 Yohana, inyuma cyane ku murongo uri hagati y'Isezerano Rishya n'Isezerano rya Kera. Mutege amatwi mwitonze nonaha. Murebe neza. Yohana, icyo kizu kinini, cyaje kiguruka kiva mu butayu umunsi umwe, amababa yacyo manini arambuye. Yambukiye ku nkombe ya Yorodani, umuhanuzi ukomeye w'ikizu wahuzaga Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya, maze ahamagara ab'iburyo nab'ibumoso. Yahamagaraga umunsi wo kwihana.

Aho Abafarisayo n'Abasadukayo; yaravuze ati: "Ese ntimutangiye kuvuga muri mwe ubwanyu muti: 'Dufite Aburahamu nka sogokuruza,' kuko ndababwira ko aya mabuye Imana ishobora kuyahinduramo abana ba Aburahamu." Yoo, mbega!

Ubwo yatangiraga gutangaza Ubutumwa bwiza bwe, maze akavuga ati: "Hari Umwe uhagaze hagati muri mwe, Uwo mutazi. Sindamumenya, ariko We nzamumenya naza. Sinkwiriye no gupfundura imishumi y'inkweto Ze. Ariko azababatirisha Umwuka Wera n'Umuriro. Kandi igitiyo Cye

kiri mu biganza Bye; Azatunganya neza imbuga Ye, kandi azatwika urukungu n'Umuriro utazima."

101 Kiriya kizu kinini kivuga Ubutumwa bwiza cyari gihagaze aho, ubwo yarangururaga mu ijwi rye rikomeye, maze Filipo agasohoka, cyangwa, Herode, umwami w'abami icyo gihe, umutangabuhamya, akarongora umugore wa murumuna we. None se wakwiyumvisha ukuntu icyo kizu kinini kivuga Ubutumwa bwiza cyahagaze aho kikicecekera?

Bamwe muri bo baravuze bati: "Ese ubu ntiwigisha ku gushyingiranwa n'ubutane, Yohana, kuko hariya hari Herode."

102 Yagiye mu maso ye maze aravuga ati: "Amategeko ntiyemera ko umutunga." Ni byo!

Yari iki, we? Yari kiriya kizu cyo mu butayu. Ntabwo yatojwe n'ubwoba n'iterabwoba by'abantu, by'idini runaka. Ahubwo yatojwe n'imbaraga z'Imana Ishoborabyose, kugira ngo amenye ibyari kuba. Yari azi ibiranga Mesiya.

Haleluya! Ijambo risobanura, "Imana yacu ihabwe icyubahiro!" Ntutinye. Ntawe ndagirira nabi. Sinishimye cyane. Nzi neza aho ndi.

Yoo, iyo mutekerejeho, icyo kizu kinini kiguruka kikongera kikagwa! Yaravuze ati: "Nzamumenya naza."

103 Umunsi umwe yari ahagaze aho, abwiriza. Abatambyi bari hakurya, yaravuze ati: "Urashaka kuvuga ko hazabaho igihe igitambo cya buri munsi kizakurwaho; uru rusengero runini twubatse, n'imirimo yose twashyizeho, twebwe amadini manini?"

Yaravuze ati: "Igihe kizaza ibyo byose bikurweho."

"Ntabizaba. Uri umuhanuzi w'ibinyoma!"

104 Areba hirya no hino. Aravuga ati: "Dore, Ari hano! Hari ahantu ho gusengera Imana yahisemo. Hariho umwana w'Intama, Umwana w'Intama nyakuri wagombaga gukuraho ibyaha by'isi." Ntiyavuze ati: "Dore haje Metodisite, dore haje Batisita, cyangwa Gatolika." Yaravuze ati: "Haje Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'isi."

Ahantu honyine hafite umutekano hariho ni muri uwo Mwana w'Intama w'Imana. Muri We honyine niho agakiza kari; ntabwo kari mu itorero iryo ari ryo ryose, mu idini iryo ari ryo ryose, mu bwoko ubwo ari bwo bwose, data uwo ari wo wose, mama uwo ari we wese, umuntu wese wejejwe, cyangwa ikindi, ahantu hejejwe. Ari mu Mana Yera, Umwami Yesu Kristo, aho Imana yashyize Izina Ryayo ku Kiremwa muntu, kubwo gucungurwa, Ni nde wishyuye ikiguzi ku twebwe abanyabyaha. Aho ni ho honyine hari agakiza. Ni ho Rutare mpagazeho.

105 Yohana yaramumenyekanishije. Yaravuze ati: "Sinari muzi ubwo namubonaga azamuka, ariko ahongaho niho nakuye

amashuri. . .” Ntabwo ari mu iseminari nk’uko papa we yabigenje; ntabwo ari umupadiri watojwe. Ahubwo mu butayu, aho yari mu buryo bwa seminari ya tewolojiya y’Imana Ishoborabyose, ategereje Ijambo ry’Imana; ntabwo ari icyo itsinda ry’abantu bamwe bari barateguye, ahubwo ni icyo Imana yari yarabivuzeho. Igihe Yohana yuburaga amaso akabona Umwuka uraje, yaravuze ati: “Mfite inyandiko, uyu ni We.” Yoo, mbega!

Aho ni ho hari ahantu hawe ho gusengera. Aho ni ho hari ubwihisho bwawe. Hariyo umwana w’Intama w’Imana ukuraho ibyaha by’isi. Nta itorero, nta migenzo, cyangwa ikindi kintu, ahubwo ni umwana w’Intama w’Imana ukuraho ibyaha by’isi.

106 Urabona uko Yohana yabivuze? Ntabwo yavuze ati: “Mwebwe Abafarisayo mufite ukuri, mwebwe Abasadukayo, namwe Abaherodiya.” Yaravuze ati: “Dore Umwana w’Intama.” Aho ni ho hantu. Afite Izina. Ni We. Nta rindi zina munsi y’Ijuru!

107 Nimwitegereze ubu ibyo Yesu yavuze kuri Yohana. Umunsi umwe Yohana yamutumweho, ngo arebe icyo Yari arimo gukora. Yesu yaramubwiye ati: “Uwo ni We wari umucyo ukomeye kandi urabagirana,” kugira ngo abereke inzira ikwiye bagombaga gukurikira mbere yo kugaruka Kwe, kugaruka Kwe kwa mbere. Mutege amatwi mwitonze. Ntimucikwe. Yesu yaravuze ati: “Yohana yari umucyo.” Malaki 3, nta kosa! Umuhanuzi wari ufite urumuri runini rwamurikaga yagaragaje ko Yesu ari We wenyine, “Umwana w’Intama.” Abandi bana b’intama bose abo bapadiri bavugaga, n’ibindi bintu byose, byari ubupfapfa. Dore “Umwana w’Intama!” Umugabo ufite urumuri runini rumurika, uwo Yesu yavuze ko ari we.

Malaki 3 yaravuze ati: “Nzohereza intumwa yanjye mbere yo kubereka mu maso Hanjye kugirango ategure inzira.” Kandi uwatumwe gutegura inzira, ni we wamumenyekanishije, aho hantu. “Uwo ni We! Nta kosa ririmo. Ni We! Ndabona ikimenyetso gikurikira. Nzi ko ari We; Umucyo umanuka uva mu Ijuru ukajya kuri We.” Byarumvikanaga neza, ko ari We.

108 Noneho, bene Data, ndashaka kubabaza ikintu, mu gusoza. Dushobora kuvuga ibi. Muri Malaki 4, ese ntitwasezeranijwe ikindi kizu, Inkingi y’Umucyo igomba gukurikira, kugira ngo yereke itorero ryayobye uyu munsi ko ari We Abaheburayo 13:8, “uko yari ejo, ni ko ari uyu munsi, kandi ni ko azahora iteka ryose”? Ese ntitwasezeranijwe undi uzaza aguruka ava mu butayu? Amina! Uko rwose ni ko Kuri. Mbega ukuntu bikwiriye kandi bihuye na Luka 17:30, aho Umwana w’umuntu (Ikizu) azaba arimo kwihishura Ubwe asenya izindi nyubako zose zo gusengeramo, nk’amadini n’ibindi!

Imana yahisemo umwanya Wayo. Yohana yaravuze ati: “Ni ahongaho!”

109 Hanyuma dusezeranywa ikintu kimwe muri iki gihe, Malaki 4, "Guhindukiza imitima y'abana inyuma," kuvuga ko Atapfuye, ibi bintu ntabwo ari iby'ikindi gisekuruza; kubatizwa mu Izina rya Yesu ntabwo byari iby'abakera, ariko ubu ni uko bimeze. Amina. Kugira ngo habeho guhindura ubusa andi mazu yose yo gusengeramo, ni byo ikizu cyo mu gihe cya nyuma kigomba gukora, kwerekana ko ibisigaye byose ari ubupfapfa, idini ni ubupfapfa, ariko kugira ngo bongereho ikimenyetso kimwe nk'icyo Yakoze, uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose. Haleluya!

110 Nanone, mu Byahishuwe 4:7, twari dufite Inyamaswa enye twagaragaje.

Iya mbere yari, twasanze . . . twabonye ko, yari intare. Iyo ni yo Nyamaswa ya mbere yasohotse kugira ngo ihure n'ikibazo cy'uwo munsi, Intare yo mu Muryango wa Yuda.

Nyuma Yayo haza Inyamaswa ikurikiraho. Kandi dusanga, Inyamaswa ikurikiraho yari ikimasa, ari yo nyamaswa yikorera imitwaro, igitambo. Mu gihe cya katedrali y'Abaroma, Itorero ryarazimye; igitambo.

Iyakurikiyeho, yari umuntu, yari Inyamaswa ifite isura nk'iy'umuntu. Kandi uwo mugabo yari umugorozi, uburezi bw'umuntu, tewolojiya, n'ibindi.

Ariko Inyamaswa ya nyuma yagombaga kuguruka, Inyamaswa ya nyuma yagombaga kuza, Bibiliya ivuga ko ari ikizu kiguruka. Haleluya! Kandi umuhanuzi yaravuze, muri iki gihe ati: "Hazabaho Umucyo." Yoo, mbega! "Muri iyo minsi hazabaho Umucyo."

111 Habayeho umunsi w'abagorozi. Habayeho umunsi w'igicucu gusa, udashobora kwitwa amanywa cyangwa ijoro. Ariko mu gihe cyo ku mugoroba, mu Gihe cy'Ikizu:

Hazabaho Umucyo ahagana mu gihe cy'Ikizu,
Inzira igana mu bwiza uzayibona nta kabuza;
Mu nzira y'amazi hari Umucyo uyu munsi,
wo guhambwa mw'Izina rya Yesu.
Abato n'abakuru, mwihane ibyaha byanyu byose,
Umwuka Wera azababatiza rwose;
Kuko Urumuri rwa nimugoroba rwaje,
Ni ikigaragaza ko Imana na Kristo ari Umwe.

112 Amina! Hazaba umucyo ahagana nimugoroba, ahantu honyine ho gusengera Imana yahisemo. Yoo, ni iki ubu Butumwa buje gu, ni iki Agiye gukora? Kandi ku munsi We hazabaho Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba, kandi (iki?) guha ikaze abana Be bagarutse imuhira mu Gihugu cy'ukuri cy'isezerano, akoresheje ikimenyetso kimwe cy'Inkingi y'Umuriro yayoboye Abisiraheli mu butayu.

Ahantu ho gusengera Imana yahisemo, Yesu Kristo. Aho ni ho hantu honyine hahari. Ni ryo Zina ryonyine Imana ifite ryo gukirizwamo. Uwo ni wo Yise umuryango wo mu Ijuru, mu gihe uri ku isi, ni Yesu Kristo.

113 Yemwe torero, yemwe bantu, nshuti z'abanyabyaha, ntimukizere ikindi kintu uretse Yesu Kristo. Ntimukizere umuvugabutumwa uwo ari we wese. Ntimukizere undi muntu uwo ari we wese ngo abarokore. Ntimukizere itorero iryo ari ryo ryose, imyizerere iyo ari yo yose, idini iryo ari ryo ryose. Mwizere gusa muri Yesu Kristo, kuko Ari We Mucyo w'igihe.

Mureke twicishe ubugufi twunamishe imitwe yacu.

Hazabaho Umucyo ku mugoroba,
Inzira igana mu Bwiza muzayibona nta kabuza;
Mu nzira y'amazi hari Umucyo uyu munsi,
Guhambwa mw'Izina rikomeye rya Yesu.
Abato n'abakuru, mwihane ibyaha byanyu byose,
Umwuka Wera Uzinjiramo nta kabuza;
Urumuri rwo ku mugoroba rwaraje,
Uko ni ko ikimenyetso cy'ukuri ko Imana na Kristo ari Umwe.

114 Yoo, mwene Data, mushiki wanjye, niba utarabatizwa mw'Izina rya Yesu Kristo, Watangira ukabikora muri iri joro? Ese waha Imana amahirwe yo kukwakira ahantu ushobora kuyisengera? Wibuke ko hanze y'aho, nta hantu Imana yasezeranije ho guhurira nawe no kwakira gusenga kwawe.

115 Muravuga muti: "Mwene Data Branham, nanjye ndasenga nta buryarya!" Na Kayini ni ko yabigenje. Yatanze ubwoko bwose bw'igitambo nk'uko Abeli yabigenje, ariko cyari igitambo kidakwiriye. Ushobora kujya mu rusengero, ugatanga icya cumi cyawe, kandi ugakora inshingano zawe nk'uko Umukristo agomba kubikora, nk'uko ari ubunyakuri ku mugore cyangwa umugabo uwo ari we wese.

Ubu maze imyaka igera kuri mirongo itatu mpagaze hano, hirya no hino mu mujyi hano, kandi namamaza Ubutumwa nk'ubwo. Ndimo gusaza. Sinshobora kumarana namwe igihe kirekire. Ariko mwibuke ko ku Munsi w'Urubanza, ijwi ryanjye rirafatwa, kandi rizavuga ibibarwanya.

116 Hariho ahantu hamwe gusa Imana yashyize Izina Ryayo, kandi ntabwo ari mw'itorero, ahubwo ni muri Yesu. Hari ahantu hamwe ho gusengera, ahantu hamwe gusa mwakiririrwamo, kandi ni muri Yesu Kristo, Umukundwa. "Nta rindi zina munsi y'Ijuru, ryatanzwe mu bantu, ryo gukirizwamo," nta torero, nta myizerere, nta kindi kintu. Yesu Kristo!

Kandi ibyo bigomba kuba ari Ubutumwa bw'igihe, "Kugarura imitima y'abana, inyuma ku Kwizera kwigeze rimwe guhabwa abera." Mbese ntimwabyemera iri joro?

Mu gihe twunamishije imitwe yacu.

117 Kandi abo bifuza ko bakwibukwa mu isengesho, ese mwazamura ibiganza byanyu gusa. Ntidushobora kubahamagara ku ruhimbi, kuko ari benshi cyane. Imana iguhe umugisha. Yewe! Ibumoso bwanjye, ndakeka hari magana atatu.

118 Noneho iburyo bwanjye, mwazamura ibiganza byanyu, mukavuga muti "Ndashaka kwibukwa." Ndakeka ko hari ijana na mirongo itanu, cyangwa barenga, ku bwanjye.

Dufite ihema hano hepfo rifite ikidendezi kinini cy'amazi; pasiteri, umupasiteri mwiza, Mwene Data Orman Neville, abunganizi, aba bagabo mubona kandi muhurira nabo hano. Buri munsi, buri joro, buri saha, abantu bashaka kubatizwa, bihannye, bahora biteguye. Kandi niba wubahirije iryo tegeko, uzaba ufite icyizere, ku bw'isezerano ry'Imana, niba uri umunyakuri mu mutima wawe, cyo kwakira umubatizo w'Umwuka Wera.

119 Hariho ahantu hamwe gusa ho gusengera. Noneho, ntabwo ari mu rusengero. Ni muri Kristo. Ni gute dushobora kwinjira muri We? "Kubw'Umwuka umwe twese twabatirijwe muri uyu Mubiri umwe."

Mureke dusenge.

120 Mana nkunda, ubwo ibi biganza bizamuye, bigaragazaga ibiri munsi y'ibyo biganza mu mutima, kwemezwa ko bazi neza ko bakeneye ubufasha buturutse kuri Wowe. Ndasengera buri wese, Data. Kandi ngiye kwishingikiriza ku Ijambo Ryawe. Waravuze uti: "Uwumvira Ijambo Ryanjye, kandi akanizera Uwantumye, afite Ubugingo buhoraho, nta teka azacirwaho mu Rubanza; ahubwo yavuye mu rupfu ajya mu Bugingo."

Data, amaze ibyumweru bike avuye mu mujyi, yaragarutse, aramubaza ati: "Ku bijyanye n'*uyu*?"

"Kuki, bagiye."

"Byiza cyane, bite kuri . . . "

"Baragiye."

121 Mana yanjye, umwe umwe ni ko duhamagarwa, umwe umwe tugomba guhangana n'ikibazo cyo kumanuka mu kibaya cy'igicucu cy'urupfu. Kandi ni ukubera ko buri wese muri twe, nk'abantu bapfa. Ariko, muri iri joro, Waduhaye ubusabe Bwawe, ko niba tumwizeye tukabatizwa mu Izina Rye, ko Wowe watwinjizamo. Hanyuma muri uyu Mubiri, Umubiri wa Kristo, ntabwo ari mw'itorero, ahubwo ni mu Mubiri wa Kristo, uwo Mubiri wamaze gucirwaho iteka. Ntabwo uzajyanwa

mu rubanza. Imana yasutse umujinya Wayo kuri uwo mubiri, kandi uwo mubiri nta cyaha ufite; kandi, kuba muri We, bidutandukanya n'icyaha, binyuze mu Impongano Ye y'uko yadupfiriye. Kandi ahongaho dufite ubusabane bamwe ku bandi, mu gihe Amaraso ya Yesu Kristo, Umwana w'Imana, aturinda umwanda wose w'icyaha.

122 Data Mana, ndagusenze ngo Ujyane buri wese muri bo mu Bwami Bwawe. Biduhe, Mana. Ntihakagire n'umwe muri bo ubura; ntihakagire umuhungu cyangwa umukobwa, umugabo cyangwa umugore. Mwami, bamwe mu bantu banjye bwite bari hano, iri joro, baturutse muri ayo Maraso. Ni byiza nshobora kwibuka neza amagambo ya data! Kandi ndasenze, Mana nziza, ngo ntihazagire n'umwe muri bo uzazimira. Bikore, Mwami. Ndakwizera ubu, hamwe n'ibyo ngomba kwizera byose.

123 Genderera bene Data, bashiki banjye, inshuti zanjye, hano muri iri joro n'abadukurikirira hanze kuri telefoni. Leta zitandukanye ziduteze amatwi, kuva ku Nkombe y'Iburasirazuba kugeza Iburengerazuba. Ndasenga, Mana nkunda, umanutse mu nzira yo mu butayu yambuka hariya muri Tucson, mu nzira igana muri Kaliforuniya, haruguru muri Nevada na Idaho, kure cyane mu Burasirazuba no mu nkengero zaho, hepfo muri Texas; mu gihe ubu butumire butangwa, abantu bicaye mu—mu nsengero nto, ahantu hacururizwa peteroli, mu ngo, bateze amatwi. Mana, uwo mugabo cyangwa umugore wayobye, umuhungu cyangwa umukobwa, bo muri iki gihe, baze iwawe. Biduhe nonaha. Turabisabye mu Izina rya Yesu, ko bazasanga aha hantu hatekanye mu gihe gikwiriye.

Igihe, tubona inyandiko ku rukuta, isi itangiye kugira ubwoba, igihe cyo gucungurwa kiri bugufi. Igice kimwe cy'igihugu cyacu kirimo kurohama, ikindi gice kirimo gusenyuka kandi gishyuha cyane nk'uko Yesu yasezeranyije ko bizagenda. Ntibibikabe birebire cyane kuri bo, Mwami. Niba babyemeye nonaha, kuko twabiganiriyeho mu materaniro y'Ubutumwa bwiza, mw'Izina rya Yesu. Amina.

124 Muramwizera? Imana ibahe umugisha. Ni bangahe bizera ko ari Ukuri, ibumoso bwanjye? Muzamure ibiganza byanyu. Ni bangahe bari iburyo bwanjye? Muzamure ibiganza byanyu. Imana ibahe umugisha. Nk'uko mbona, buri wese. Ibyo ni Ukuri, nshuti zangjye. Imana izi ko ari ukuri.

125 Ubu mu gihe uri muri We, kandi ushikamye muri We, ufite uburenganzira bwo kugera ku byo Yapfiriye byose. None se Yapfiriye iki? "Yakomeretse kubera ibicumuro byacu, kandi yababajwe kubera kutizera kwacu; igihano kiduhesha amahoro cyashyizwe kuri We, kubw'imibyimba Ye twarakize." Murabyizera? Ese ubu mwizera impongano Ye yo gukiza indwara?

126 Ese haba hari urwaye muri twe? Reka bazamure ibiganza, iburyo cyangwa ibumoso. Imbaga y'abantu benshi barwaye. Sinshobora guhamagara umurongo. Murabona, ntabwo... sinshobora kuza ku ruhimbi. Nta buryo bwo kubikora.

Bari gukorera amateraniro yo gusenga mu bindi bice, ku bw'abarwayi, mu matorero n'ibindi, hepfo mu rusengero.

Ngiye kubasaba ikintu kimwe. Ni bangahe bizera bari hano? Muzamure ibiganza byanyu. Ni byo. Ngiye kubasubiriramo Ijambo, ari ryo Kristo. Ubutumwa bwa nyuma bwa Yesu ku isi, no ku Itorero, ahubwo, yaravuze ati: "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera ngibi; nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira." Ni bangahe bazi ko ari iby'ukuri, Mariko 16, muvuge muti: "Amina." [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ni byo. Ndagusabye nk'umwizera kurambika ibiganza ku muntu uri imbere yawe. Mukomeze mufatane mu biganza n'umuntu uri imbere yanyu, kandi mureke buri wese asengere isengesho mugenzi we muri aka kanya. Shyira ibiganza byawe ku muntu uri hafi yawe.

127 Mwami, hano imbere yanjye hari agasanduku k'udutambaro, uduce duto tw'utwenda; umubyeyi ugeze mu za bukuru yari aryamye ahantu runaka, yenda gupfa, umwana ari hafi gupfa, abarwayi bari ahantu hose. Twasomye muri Bibiliya ko bafashe ibitambaro n'imyeda yabaga yakoze ku mubiri wa Pawulo bakayikoza ku barwayi; kandi roho mbi, roho mbi, indwara n'ibindi bihumanya, byavuye mu bantu. Noneho, Mwami, tuzi ko tutari Pawulo Mutagatifu, ariko tuzi ko ukiri Yesu, ahantu honyine ho gusengera twahawe n'Imana. Kandi ubu, uyu munsi, aba bantu bahamije ukwizera kwabo kumwe, nk'uko bizera uko abo bantu babigenje. Ni ukuri Wateguye inzira ku bwabo! Kandi nashyize ibiganza byanjye kuri ibi bitambaro nsaba indwara n'ububababare ngo bisohoke mu mibiri y'abantu ibi bitambaro bizarambikwaho mu Izina rya Yesu Kristo.

128 Noneho, twigishijwe, ko nk'uko Isiraheli yari igiye muri Egiputa, ku murongo w'uburetwa, bari bari mu nzira yabo igana mu gihugu cyasezeranijwe. Inyanja Itukura yitambitse mu nzira. Nuko Imana irebera mu Nkingi y'Umuriro, maze inyanja iratinya, isubira inyuma, maze irareka Abisirayeli barambuka bajya mu gihugu cy'isezerano. Mana, reba unyuze mu Maraso ya Yesu, muri iri joro, maze indwara zisubire inyuma, maze Satani yirukanwe. Reka abantu banyure muri iryo sezerano ry'ubuzima bwiza n'imbaraga, ko Imana yavuze iti: "Hejuru ya byose, nifuzaga ko mutera imbere mu buzima."

129 Noneho nk'uko ubibona, Mwami Yesu, aba bantu bahuje ibiganza, bishushanya ukwizera kwabo, ko Wavuze uti: "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera." Basenga mu buryo bwabo bwite, basengerana. Umuntu ukurikiraho arimo kubasengera.

130 Noneho, Mwami, iki kibazo cyarakemutse, ko Satani, umubeshyi mukuru, adafite uburenganzira bwo kugumana umwana w'Imana. Ni ikiremwa cyatsinzwe. Yesu Kristo, ahantu honyine ho gusengera, Izina ry'ukuri ryonyine, yamutsindiye i Kaluvari. Kandi dusabye Amaraso Ye ubungubu, kuko yatsinze indwara zose, indwara zose.

Kandi ntegetse Satani kuva muri iki cyumba. Mu Izina rya Yesu Kristo, sohoka muri aba bantu, maze bahabwe umudendezo.

131 Umuntu wese wemera gukira kwe ashingiye ku Ijambo ryanditswe, tanga ubuhamya bwawe, hagarara ku birenge byawe, maze uvuge uti: "Ubu nakiriye gukira kwanjye mw'Izina rya Yesu Kristo." Haguruka ku birenge byawe.

Icyubahiro kibe icy'mana! Ngaho rero. Mwitondere hano, abafite ubumuga n'imbago muhagurukiraho. Icyubahiro kibe icy'Imana! Ni byo. Mwizere gusa. Ari hano. Ni byiza!

132 Mu cyumba, ku ruhande rugana hanze, unyuze iruhande rw'insinga, mwagombye kureba! Ntekereza ko buri muntu wese uri hano, nk'uko mbizi, cyangwa benshi muri bo, barahagaze kuri iki gihe. Yoo, mbega igihe cyiza! Ukugaragara k'Umwami, ni byo! "Ukugaragara k'Umwami kuri he, hari umudendezo, hariho umudendezo." Umwuka w'Imana aduhindura ab'umudendezo.

133 Noneho uko Yadukijije, turabyizera. Yaradukijije; turabyizera. Abifuza kubatizwa, ikidendezi kirateguye. Igihe icyo ari cyo cyose, isaha iyo ari yo yose wifuza kuza, haraza kuba hari umuntu ubikurikirana.

Noneho ndatekereza, mbere y'uko dusoza, tugomba kuririmba indirimbo ya kera y'itorero. "Ndamukunda, ndamukunda kuko ari we wabanje kunkunda." Tuzamure amaboko yacu tuyiririmbire Imana n'imitima yacu yose!

Turashaka guhura na we hano mu gitondo, saa tatu n'igice, muri iyi nyubako imwe, tuganira ku ngingo ivuga ku *ishyingiranwa n'ubutane*. Nibyo.

Tuyiririmbe noneho.

> Ndamukunda,

Reka aba bantu benshi bayiririrmbe ubungubu! Hanze cyane, muyiririmbe namwe.

> Kuko yabanje kunkunda
> hanyuma akambonera agakiza
> I Kaluvari ku giti.

134 Byakorewe he? I Kaluvari ku giti. Igihe tukiyiririmba, ndashaka ko uhana ikiganza n'umuntu uri iruhande rwawe, ukavuga uti: "Imana iguhe umugisha, musuhuke."

> Nda. . .( . . .?. . .)

Kuko We yabanje . . .
hanyuma akambonera agakiza
Kuri . . .

135 Ese ntimumukunda? Si We mwiza cyane? Si We Hantu hawe h'Ubwihisho? Ni Urutare mu gihugu kinaniwe, Utwitaho mu gihe cy'umuyaga, Ubuhungiro bwonyine nzi. Kubw'ibyo:

Ukwizera kwanjye gushingiye kuri Wowe,
Wowe, Ntama y'i Kaluvari,
Mana Mukiza;
Umva isengesho ryanjye,
Nkiza gucirwaho iteka,
Reka guhera uyu munsi
Mbe uwawe rwose!

Reka tuzamure ibiganza mu gihe turirimba.

Ukwizera kwanjye gushingiye kuri Wowe,
Wowe, Ntama y'i Kaluvari,
Yoo Mukiza w'Imana;
Umva isengesho ryanjye,
Nkuraho ibyaha byanjye byose,
Yoo reka guhera uyu munsi
Mbe Uwawe rwose!

Reka twunamishe imitwe mu gihe tuyiririmba.

Muri ubu buzima bw'umwijima nyuramo,
Kandi agahinda kangose,
Mbera Umuyobozi;
Reka umwijima uhinduke umucyo,
Ngwino Umpanagure amarira,
Sinzongere kuzimira ukundi
Ngo njye kure yawe.

Mu gihe mwunamishije imitwe yanyu, reka pasiteri wacu dukunda twese, Mwene Data Orman Neville, aze gusoza amateraniro.

65-0220 Ahantu Ho Gusengera Imana Yahisemo
Ishuri ryisumbuye rya Parkview
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

Voice Of God Recordings
P.O. Box 950, Jeffersonville, Indiana 47131 U.S.A.
www.branham.org